MINISTERE de LA Jeunesse et du Sport

– communiqué

5 p

1 doc

13 · 4 · 1981

/NK.J.B/NGW.D/

Kigali, le 13 AVR. 1981

Nº 619 /12.08.02

# I T A N G A Z O

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino iramenyesha Bourgmestri wa Commune RUTOBWE ko hali abakozi b'iyo Ministeri bazagenderera Commune RUTOBWE kw'italiki ya 17 Mata bajyanywe no gusura itorero l'y'imikino ly'iyo Commune no kugirango barebere hamwe ibibazo bireba imikino ngororamubili ya Athlétisme.

Abakinnyi b'iryo torero rya Commune bazabe bali aho batuwe bitoreza buli wa gatanu.

Ministri w'Urubyiruko
n'Imikino
GATABAZI Félicien.-

D.S./M.H.V./

1269 /12.08.03

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino

muli Komini RUTOBWE

G I T A R A M A

Bwana,

Nkulikije ibaruwa yawe n° 017/12.08/06 yo kuwa 13 Kamena 1980 isaba imfashanyo ya Ballet ya Komini cyangwa iy'athlétisme, ndakumenyesha ko usabwe kunyohereza programu y'igihe mukorera imyitozo y'imikino gakondo kugira ngo abakozi ba Ministeri babishinswe basabone gutegagya no kubamenyesha igihe bazabasulirabo.

Tous les vendredi avant-midi-

Colonel Aloys NSEKALIJE

Ministri w'Urubyiruko

n'Imikino.-

Bimenyeshejwe :

- Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
  muli Prefegitura ya
  G I T A R A M A
- Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
  muli S/Prefegitura ya NDIZA
  G I T A R A M A

/B.S./M.M.V./

18 JUIL. 1980

1269 /12.08.03

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Komini RUTOBWE
**G I T A R A M A**

Bwana,

Nkulikije ibaruwa yawe n° 017/12.08/06 yo kuwa 13 Kamena 1980 isaba imfashanyo ya Ballet ya Komini cyangwa iy'athlétisme, ndakumenyesha ko usabwe kunyohererereza programu y'igihe mukorera imyitozo y'imikino gakondo kugira ngo abakozi ba Ministeri babishinzwe bazabone guteganya no kubamenyesha igihe bazabasuliraho.

Colonel Aloys NSEKALIJE
Ministri w'Urubyiruko
n'Imikino.-

Bimenyeshejwe :
- Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
  muli Prefegitura ya
  **G I T A R A M A**
- Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
  muli S/Prefegitura ya NDIZA
  **G I T A R A M A**

RÉPUBLIQUE RWANDAISE

Rutobwe, le 13 Kamena 1980

N° 017/12.08/06

PREFECTURE DE GITARAMA
Commune RUTOBWE

SERVICE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko n'imikino

KIGALI.

Binyujijwe kuli Bwana Encadreur S/Régional w'Urubyiruko n'imikino
S/Préfecture NDIZA.

Transmettre à mettre Mr Karemera

Objet: Demande d'équipement sportifs.

Binyujijwe kuli Bwana Bourgmestre wa Komini RUTOBWE.

14/8/80

A traiter par Sports
Date entrée : 30-6-80
N° Classement : 6500/12.08.01

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Nulikije ibisobanuro bili muli document de travail (consultation) page 19-20 msobanura uko Ministeri y'Urubyiruko n'imikino iteye n'ibyo yagezeho mukulikije Itegeko lya Prezida lyo kuwa 30 kamena 1976, nishimiye kubamenyesha ko Komini mbereye umuyobozi w'urubyiruko n'imikino ifite amatorero abili(2) y'imikino gakondo(ababyinnyi n'intore). Ikagira ikipe y'athlètisme a foot ball,ayo matorero aliho kuva 1976.

Itorero ry'ababyinnyi ligizwe n'abakobwa 20,abasore 10 n'abagabo bakuru 15 bigisha urwo rubyiruko imbyino gakondo no guhamiliza, intore zigizwe n'abasore 15.
Nk'uko mugira muti "nta mkinnyi cyanga itorero ry'abakinnyi batwandikira bashaka ko tubatera inkunga ngo tubarangarane",mboneyeho kubasaba inkunga mukatubonera imyambaro yaBallet ya Commune cyanga iy'athlètisme.
Ibyo mbigiliye kubera ko ayo materero akomeye,urubyiruko rubikunze,kandi Komini ikaba itashobora kwambika, ndebye imilimo ikora muli ibi bihe, uretse gusa ko yashoboye kwibonera imipira 11 abakinnyi b'umupira bambara.

Nilingiye ko mutazabura n'igice na kimwe muduterahe inkunga mwabona kibashoboye kuli ayo makipe yombi.
Nkaba mboneyeho no kubasaba kuzatwoherereza impuguke zishinzwe iby'imikino gakondo zikaza kudusura,ziba zatugira n'inama kubyo zasanga bitameze neza mw'itorero.

Mire amahoro.

Au Ministre 30/7/80

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
MUBAZI André.-

Bimenyeshejwe Bwana:
-Encadreur Régional w'Urubyiruko n'Imikino
GITARAMA.

RÉPUBLIQUE RWANDAISE

Rutobwe, le 28 Nyakanga 1980

Nº 020/12.08/06

PREFECTURE DE GITARAMA
Commune RUTOBWE
S/PREFECTURE NDIZA
SERVICE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS.

A traiter par: + BSI
Date entrée: 5-8-80
Nº Classement: 3042/12.08.09/12.08.03

Folklore et loisirs
Votre attention
8/08/80

Antécédents

Nyakwubahwa Bwana Ministre w'Urubyiruko
n'Imikino
K I G A L I.

Binyujijwe kuli Bwana Encadreur S/Régional
w'Urubyiruko n'iMikino
S/Préfecture NDIZA

NSHIMYUMUKIZA Eliel

Binyujijwe kuli Bwana Bourgmestre wa Komini
RUTOBWE.

Baptiste
29/7/1980

Nyakwubahwa Bwana Ministre,

Mpereye kw'ibaruwa nabandikiye nº 017/12.08/06 yo kuwa 13 Kamena 1980, no kw'ibaruwa yanyu nº 1296/12.08.03 yo kuwa 18 Nyakanga 1980, nishimiye kubamenyesha ko imyitozo y'imikino gakondo ikorwa buli wa 5 guhera saa ine(10h)kugeza saa sita(12h) naho iya athlétisme igakorwa buli wa 3 guhera saa ine kugeza nayo saa sita.

Mboneyeho no kubasaba ko izo mpuguke bibashobokeye zazaza taliki 13 Kanama 1980 zikazasanga ikipe y'imikino gakondo ku biro bya Komini.

Mugire amahoro.

Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino
muli Komini Rutobwe
MUTABAZI André.-

**Bimenyeshejwe:**
-Umuyobozi w'Urubyiruko n'imikino
GITARAMA